**A Ubwenge bw'Imana**

- Muri Atenayi, Pawulo yakoresheje ubwenge bwa muntu ngo agerageze kwemeza abanyabwenge. Kuva ubwo, yahisemo gukoresha ubwenge bw'Imana gusa.
- Imana ubwayo ni Yo yari yamwohereje kwamamaza ubutumwa bwayo "ariko atavugisha ubwenge bw'amagambo, kugira ngo umusaraba wa Kristo udahinduka ubusa" (1 Abakorinto 1:17).
- Ubwenge bw'Imana Pawulo yigishije ni ubuhe?
- Bitandukanye n'ubwenge bw'abantu, ubwenge bw'Imana ni "ugukirisha abayizera ubupfu bw'ibibwirizwa" (1 Abakorinto 1:21).

**B Ubupfu bw'umusaraba**

- Ijambo ry'Ikigiriki *mōria* (ubusazi, ubupfapfa, ubupfu) ryakoreshejwe inshuro eshanu mu 1 Abakorinto.
- Umusaraba ni ubupfu ku barimbuka, ku batazi Imana (Abanyamahanga), ku batekereza kuri iyi si gusa (umuntu wa kamere), ku bayoborwa n'ubwenge bwabo gusa.
- Ariko umusaraba ni umugisha ku bakijijwe, ni ukuvuga ku bantu bafite ubushake bwo kubona umusaraba nk'uko Imana iwubona.

**C Imbaraga z'Imana**

- Umusaraba ufite ububasha bwo kwerekana ububi bw'umuntu n'ubwiza bw'Imana (1 Abakorinto 1:18).
  — Ububi bw'umuntu: ubupfu; kwanga; kwirimbura; kurimbuka.
  — Ubwiza bw'Imana: imbaraga; kwākīra; imbabazi; agakiza.
- Abanga umusaraba basarura ingaruka z'imirimo yabo mibi, kandi amaherezo bazarimburwa n'Uwo banze.
- Imbaraga z'Imana, zagaragarijwe ku musaraba, zishobora guhūza umuntu n'Imana, kubwo kumubabarira ibyaha bye byose, no kumuha ubugingo buhoraho (Abakolosayi 1:20; 1 Petero 2:24).

**D Ubutumwa bw'umusaraba**

- Kuki kubwiriza ubutumwa bw'umusaraba ari ubupfu (1 Abakorinto 1:21–24)?
- Abayuda bari biteze Mesiya ubakiza gukandamizwa n'Abaroma. Yesu amaze gutangaza ko agiye kubambwa, abigishwa Be bwite batewe n'ubwoba bwinshi. Byongeye kandi, ku Muyuda, umuntu umanitse ku giti yabaga ari umuntu wavumwe n'Imana (Gutegeka 21:23). Ku Munyamahanga, utarigeze ategereza Umucunguzi, umwanzuro wari umwe: umusaraba ni ubupfu.
- Ariko, ku bamarayika, ubutumwa bw'umusaraba babubonaga ukundi rwose. Yesu, Uwo bari bazi mu Ijuru, yemeye gupfa kubera urukundo yakundaga ubwoko bwari bwaramwanze. Iyi ni yo mitekerereze Pawulo yashakaga kugaragaza binyuze mu kubwiriza kwe.
- Ubutumwa bw'umusaraba bugaragaza uburyo Imana yiteguye kugera kure kugira ngo iduhe agakiza.

**E Ubupfu bw'Imana n'intege nke zayo**

- Ese Imana ni umupfapfa cyangwa inyantege nke (1 Abakorinto 1:25)?
- Birumvikana ko atari byo, kuko Imana nta busembwa igira. Pawulo arimo agereranya gusa: Iyo Imana iba ifite ibitekerezo by'ubupfu, yari kuba irusha ubwenge, ubwenge bw'umuntu; cyangwa iyo Imana iza kugira intege nke mu ntekerezo, zari kuba zikomeye cyane kurusha intekerezo zikomeye z'abantu.
- Ubwenge bwose buva mu bantu b'abanyabwenge cyane ntibushobora gutekereza inama y'agakiza k'abantu.
- Imana yonyine ni Yo yashoboye gutanga ugucungurwa, binyuze mu mbaraga z'igitambo cya Yesu cyatangiwe ku musaraba, "ku bakizwa" (1 Abakorinto1:18); "ku bizera" (1 Abakorinto 1:21); "ku bahamagawe" (1 Abakorinto 1:24).
- Menya neza ko *abizera* Yesu nk'igisubizo ku *irarika* rya Mwuka Wera ari bo bonyine *bazakizwa.*